c.f

K0164412

| | |
|---|---|
| Identification | : 0139 C.2/K95 24/11/93. |
| Duration | : 60 min. |
| Quality | : good. |
| Transmission | : RTLM. |
| Name of transcriber | : Gatimbiro Uwera Olga. |
| Date of transcription | : 18/4/2000. |
| Name of file | : 0139. |
| Dictaphone | : Express Write Model 250-65n516525. |

# RESUME DE LA CASSETTE N° 139.

K0164413

**FACE A.**

* Kantano accuse le gouvernement et plus précisement le ministre Gasana de son indifférence sur le cas de massacre qui s'est passé à Ruhengeri.

* Kantano accuse le ministre Gasana de mal gérer les biens de l'état.

* Kantano annonce que les cérémonies funéraires de Ndadaye sont prévues pour le 29/11 et que le lieutenant colonel Bikomagu doit se présenter à Genève pour s'expliquer sur la mort de Ndadaye.

**FACE B.**

* Kantano accuse les Inyenzis d'avoir tué plus de 40 personnes dans les communes de Nkumba, Kidaho, Cyeru et Nyamugali de la préfecture de Ruhengeri dans la nuit du 17 au 18 novembre 93.

* Conférence de presse de monsieur Twagiramungu Faustin.

... cyangwa mubabajwe n'abapfuye ko hashize iminsi itanu abanyamashyaka nta cyo muvuze kuri biriya bintu? Maze rero Ministre GASANA inama namugira ni uko azajya amenya ko abantu aba abwira baba bamwumva kandi bajonjora. Kuvuga se ngo "amashyaka" ngo nta "mikoro afite" ubwo koko ni byo ? Ibyo ari byo byose niba ari na byo ntabwo ari we wabivuga! None se amikoro ko mbona na NAYINZIRA yaguze imodoka ra! Afite ivatiri ko... ko mbona ayihindamo ari PDC! Hanyuma se iyo GASANA avuga ngo "amik..." ngo "amashyaka yabuze amikoro" hanyuma noneho tukibuka ibyamubayeho ku cyumweru e... n'amamodoka ya Leta arenga 3 yamenaguritse muri meeting ava e... i Gikomero iwabo icyo avuga ngo "amashyaka ntafite amikoro" aba ashaka kuvuga iki, amikoro yo kujya kureba abavandimwe bishwe urwagashinyaguro, amikoro yo kujya kureba ishyano ryagwiriye akarere ni mikoro ki? Ayo mikoro umuntu agomba kuyashaka hehe bigenda bite? Ubwo bwo ntiyafata amafaranga ibihumbi bitatu cyangwa bibiri agakodesha taxi cyangwa se ipikipiki ariko ukajya kureba akaga kagwiriye abavandimwe? Kuko biteye ubwoba iyo wumvise abantu mirongo ine u... bakaswe bunya... buka... buka donc bakinjwe koko n'ubwo kaba atari akarere kawe ntiwakwirukanka ngo ujye kureba byibuze by'amatsiko da ! Si abanyamakuru gusa bagira amatsiko n'abanyamashyaka bagombye kugira amatsiko, ntabwo wajya kureba uti aka ni akaga! Nyuma y'iminsi itanu kandi ibyo babivuze nta wuragerayo, nta wuragerayo mu banyamashyaka, mwumve namwe akaga. Ariko iyo bavuga ngo barashaka abayoboke, iyo ba... ba... bahanyanyaza mu bintu urumirwa.

Nyuma rero GASANA aravuga ngo imikorere ya MRND ngo ari na yo irimo ibagaruka ibintu nk'ibyo. Ubwo se GASANA mu byo wavuze byose ni iki kijustifiya ko abantu mirongo ine barinda gupfa... gupfa bishwe bakegeswe baba abo muri MRND cyangwa abandi bose? Ese umwana ubundi w'uruhinja we ari mu rihe shyaka ? Nta na kimwe, mu mikorere ya MRND. Ese ubundi Ministre w'Ububanyi n'amahanga... Ministre w'Ububanyi n'amahanga ko uzi amasezerano bavuze yuko nta muntu n'umwe ugomba kuba e... kuba muri ako karere w'umusirikare abasirikare b'u Rwanda bubahiriza amasezerano, kuki aba FPR igihe bavugiye ko bababona banywa inzoga kwari ukubeshya se ni abandi bantu... ni amajini se babonaga? Ubwo se ko uri Ministre w'Ububanyi n'amahanga wabitangajeho iki uvuga uti e... ubwo ndabibona, ndatangariza

amahanga ibi bintu yuko e... Inkotanyi zanze gusubira mu birindiro ziriya zigaragambya hirya no hino zigira gute? Maze rero tugi... tugarutse... umva abantu tujye tuvuga ibintu ariko... ariko

3.2

tumenye ko tubwira abandi bantu kandi bazi ubwenge, kuko ikizica aba... Abanyarwanda kizica politike yo muri iki gihugu ni uko umuntu akeka ko ari we uzi gukora politike wenyine, akaba ari we uzi ko... ko avuga wenyine, akaba azi ko ari we ufite ukuri wenyine ngo abandi bo mu yandi mashyaka nta bwenge bazi e... ngo ni... ni ibicucu ngo ntibumva ngo ubwo uwabazindikiranya kuko aba abonye akanya ko kuvuga ngo yavuga ibyo abonye, ibyo rero kuri RTLM, kuri Radiyo yanyu yigenga hano ntabwo tuzabi... ntabwo tuzajya tubihanganira muzajya mubeshya abaturage twe tubabwize ukuri. Nk'aho ngo wowe Ministre GASANA uvuga ngo "amikoro ni make nta cyarigutuma abanyamashyaka bagera muri kariya karere", ndagira ngo nkwibutse ko na NAYINZIRA ari PDC nabonye afite ivatiri. Nyuma rero kuri Ministre w'Ububanyi n'amahanga kuvuga ngo nta mikoro ibyo ngibyo ntabwo ari byo kuko e... ejobundi i Gikoro imodoka zamenetse ari nyinshi za Mina... za MINAFFET ziva muri meeting. Umuntu yabona imodoka zijya muri meeting zirenga eshatu akabura n'imwe agiye akonoza essence muri buri modoka agateranyiriza muri imwe ntiyabona essence igera mu Ruhengeri muri Kidaho! Kandi hari kaburimbo, byibuze akareba amarorerwa yo kwa... yabereye kwa KANYAMIBWA. Akabona imirambo cumi n'ingahe iryamye, inzirakarengane nta cyo zakoze, uko byagenda kose nta muntu n'umwe ushobora kubijustifiya.

Ku byerekeye rero ayo mikoro makeya ya GASANA dore... itangazo rya MDR. Hinga nongere ndibasomere:

"Tumaze kumva ibikorwa bya Ministre GASANA washoye imodoka za Leta muri meeting itari yemewe n'amategeko rikageza n'aho izo modoka zangirika bikomeye ishyaka MDR rirasanga izo modoka zigomba gusanwa n'abazijyanye muri izo mvururu, zikaba zitagomba gusanwa n'umutungo wa Leta ukomoka ku misoro y'abaturage. Turamenyesha kandi ko... turamenyesha kandi (rire) abaturage ko izo meeting za Gasana na bagenzi be nibyo bazivugiramo bitakwitirirwa MDR kuko bayisezerewemo.

Ni muri urwo rwego kandi tumenyesha abaturage ko ibyo TWAGIRAMUNGU Fawusitini aherutse gutangaza ku byerekeye ishimwe ry'abaserire ari icyemezo cye bwite nta Rwego rwa MDR rwamutumye gutangaza ibyo bintu. Icyo cyemezo re... icyo cyemezo rero si icya MDR. Bi... bikorewe i Kigali ku wa 23 Ugushyingo 93, KARAMIRA Foroduwaridi, Vice-président wa kabiri w'ishyaka MDR, Docteur MUREGO Donat, Umunyamabanga Mukuru. Ubwo rero urumva rero yuko... ee... Bwana GASANA ufite amikoro ariko ufite amikoro yo kujya muri meeting gusa ntufite ayo kujya gusura abavandimwe bagu... bagwiriwe n'akaga, n'ishyano ibyo na byo ni akaga.

6.0

Ku bindi rero muri rusange... ku bindi muri rusange ni byo koko umuntu akeneye kuba ministre, umuntu akeneye kujya mu ishyaka kugira ngo azamuke ni cyo abanyapolitike baba bashaka ubutegetsi ni byo ariko rero... ariko rero aho tugeza aha niba waraciriye abantu ubujura jya ububacira uzi ko utari umujura. Niba ucira abandi ko batagaguza ibya Leta jya ubibacira ariko wowe uzi neza yuko udatagaguza, ibyo ni byo bugabo.

Ku byerekeye GASANA rero hinga tumugarukeho kuko ni we ugezweho. Hano muri... turafite impapuro zavuye mu cyuma cya ordinateur cyitwa e... ordinateur yo muri télécom, za télégrammes na za téléphones zose aho zinyura, maze rero inistre GASANA ugomba gucunga umutungo wa Leta, umutungo w'abaturage ee... ushaka umwanya ukomeye muri politike tumaze kuvumbura ko uretse na biriya byo kujyana imodoka muri meeting zikamenagurwa tumaze kuvumbura ko agikora muri Service des Affaires scientifiques za MRND, MRND ikiri Mouvement Révolutionnaire ariko iri hafi guhinduka kuko e... ibyo dufite ni ibyo mu kwezi kwa munani mirongo cyenda na rimwe no mu kwezi kwa cyenda turasanga rero GASANA mu byerekeye gucunga umutungo w'igihugu wa Leta kuko icyo gihe MRND yari Leta muri Leta, turasanga rwose mugucunga umutungo wa Leta afite amanota zeru ku ijana. Afite amanota zeru ku ijana, atari na biriya by'imodoka zamenaguritse muri za meetings akaba ashaka yuko

Gestionnaire aba ari we uzisanisha cya... nako Ministère. Icyo gihe rero yari muri Service des Affaires scientifiques za MRND yatelefonnye umugore we mu kwezi kwa... kuva ku itariki ya mbere y'ukwa munani kugeza ku itariki ya mirongo itatu n'imwe y'ukwa munani yatelefonnye umugore we ee... wari Monaco e... mu Bufaransa ku mafaranga ibihumbi ijana na cumi na bitatu na magana inani na mirongo itatu atelefona umugore we gusa atari iby'akazi kuko dore hose handitse France-Monaco, France-Monaco... kujyana hepfo.

Na none rero kuva ku itariki ya mbere y'ukwa cyenda kugeza ku ya mirongo itatu y'ukwa cyenda mirongo icyenda na rimwe yatelefonnye na none umugore we ku mafaranga ibihumbi magana abiri mirongo ine na bitatu na magana atatu na mirongo itatu, ni ukuvuga ko mu mezi abiri yahombeje Leta amafaranga... reka nteranye vuba vuba ibihumbi magana atatu na mirongo itanu na bitanda... ee... na birindwi n'ijana na mirongo itandatu, ibihumbi magana atatu utelefona umugore wawe gusa. Ha! Hanyuma rero abantu ngo baracunga umutungo wa Leta, baracunga iki? Ubundi ari mu kindi gihugu koko bareba ibya demokarasi kandi bashaka ko koko n'abantu bazacunga iby'abaturage iyi raporo isohotse imeze itya bakagusangana amakosa ameze atya yo gutelefona... muri serivisi bagashinze ugatelefona umugore wawe ku mafaranga ibihumbi magana ane uhombya Leta nta... ibyo ari byo byose ibya politike ni uguhita ubisezeraho. Kuko biragaragara yuko ibintu ari ugutagaguza wakubitiraho na biriya bintu kandi bikaba bigaragara yuko ari ukumenyera... ee... kumenyera kurya Leta, kurya ibintu... he !

9.9

Nawe kumara iminota mirongo itanu n'itatu kuri telefone utelefona i Burayi! Mirongo itanu n'itatu n'amasegonde cumi n'arindwi, mirongo itanu n'itatu n'amasegonde mirongo itatu n'umunani kuri telefone e... i saha yose umuntu atelefona i Burayi mu bintu bitari iby'akazi! Ahubwo bazareba za telefone muri MINAFFET barebe neza ukuntu ibintu bimeze. Maze rero bantu mwiyita abanyapolitike, mushaka imyanya muri politike njye ndi umunyamakuru nta yo nshaka, ariko rero tuzajya tubavumbura tubashyire hanze, tubashyire hanze muba mwatwitérereje nta kindi... nta kindi. Ubwo rero wari uwezweho ni GASANA ariko n'abandi na bo turabagarukaho mu kanya turagera kuri Ministre UWILINGIYIMANA Agata, Ministre wa

Guverinoma y'Inzibacyuho itakigira ingufu kubera gutinda mu cyuho. Mukomeze mwumve Radiyo Rwanda uhuuuuum (rire) Radiyo yigenga RTLM e... Radiyo Rwanda yatugiyemo, yatugiyemo ariko iyi ni Radiyo yigenga RTLM ivugira i Kigali e... imikorere ya Radiyo Rwanda na RTLM murumva ko binyuranye ibyo ari byo byose. (Musique).

... ni uko mu Burundi haba hategurwa indi coup d'état e... mu Burundi rero haba hategurwa indi coup d'état, iyo coup d'état ikaba yaba mu ijoro ryo ku wa gatandatu cyangwa mu ijoro ryo ku cyumweru e... ariko uko byamera kose bigomba kuba mbere y'umuhango wo gushyingura Nyakwigendera Président NDADAYE e... uwo muhango wo kumushyingura ukaba uteganyijwe mbere y'itariki... ee... nako ku itariki ya makumyabiri n'icyenda z'ukwa cumi na kumwe. E... ngo uko biteganyijwe rero ee... ni uko Nicolas MAYOGI we... wigeze kuba Ministre w'Intebe wa BUYOYA ashobora kuba... ee... ubu ni Président wa UPRONA w'ishyaka UPRONA ni we ushobora... kuza... kuzaba président hanyuma Président BUYOYA we wari... Président BUYOYA noneho akaba Président w'Inteko ishinga Amategeko. Ibyo byose ngo kugira ngo ingabo za OUA zidashobora kuza n'Imiryango mpuzamahanga ngo ishobore gukora anketi ku marorerwa yahitanye Président NDADAYE n'izindi nzirakarengane. Ngo "coup d'état niramuka ibaye igatungana kuva ku itariki ya cumi kugeza ku itariki ya cumi na kabiri hazaba inama i Genève mu Busuwisi" e... aho Lieutenant Colonel BIKOMAGU wakoze amarorerwa mu Burundi aza... azaba ari muri iyo nama agasobanurira amahanga iby'i Burundi. Azaba afashijwe ngo na... na BUDUDIRA umuntu w'inshuti ya... cyane ikomeye ya SIMBANANIYE. Ibyo byose ngo birimwo birategurwa n'Ambassadeur w'u Burundi i Stockholm. Nk'uko kandi byavuzwe iriya coup d'état y'i Burundi yahitanye NDADAYE yari ifite imishoro hano mu Rwanda. He! Hari abatabyemera ariko nimushaka mubyemere iriya coup d'état y'i Burundi yari ifite imishoro e... hano mu Rwanda, FPR yabihakana yabyemera ni hahandi birazwi ko KAGAME e... yari muri uwo... yari mu mugambi w'i Bujumbura.

13.0

Ni muri urwo rwego rero ngo ubu ngubu FPR yaba itegura indi migambi na none ijyanye n'iyo

coup d'état y'i Burundi ee... nko...ubu ngubu ikomeza irimo ishotora yica abaturage hariya mu... mu Ruhengeri ngo ni integuza yo kugira ngo abaturage basubiranemo cyangwa amashyaka, noneho ibone uko itera nkuko yakomeje ibigenza ibone icyo yitwaza noneho ifate umujyi wa Byumba, umugi wa Byumba e... yimuke ku Mulindi ibe ari ho ishinga intebe yayo e... hanyuma ubundi noneho ngo ifite umugambi gufungira kuri Base ee... igahera... ikazamura muri Komine Nyarutovu, Gatonde, Ndusu e... kugeza mu Kinigi noneho kugarura hino ako ngako kakaba ari agace ka FPR ee... kazahamaho noneho ubwo u Rwanda mbese muri make rukaba rucitsemo kabiri, noneho rugasigara ari igipande cye... cyo hagati... kiri hagati y'u Burundi bwa BIKOMAGU e... noneho no hagati yaho hantu bita Tutsiland e... nuko Tutsiland bayivuze kera abantu bakagira ngo ni ibikino ariko byaragaragaye yuko aho hantu koko bahashaka noneho bikaba noneho n'amanyaruguru.

Ibikorwa byose birimwo bitegurwa ubu ngubu ni icyo kintu bigamije ee... abagenda biyenza ngo bamwe ntibashaka Guverinoma y'Inzibacyuho Yaguye e... ntabwo ari byo ahubwo hari abandi batayishaka bafite izindi mpamvu e... ubwo rero dukomeze... dukomeze tube maso... dukomeze tube maso kuri icyo gihe cyo... kwe... kuri ibyo byo kuba maso sinzi umuntu ngo wari urimo... ee... ejo hari umuntu wantelefonnye ambwira ati "ejo twarimo turya ifi" aha... hari abantu bari mu kabari barya ifi noneho ngo yumva indirimbo y'aha ngaha ivuga ngo... ee... indirimbo ikunda guhita kuri RTLM ivuga iti "Banyarwanda murabe maso bene Sebahinzi" noneho ngo uwo muntu arababwira ati "he... ubu se iyi fi ntikanuye kandi turimo turayirya! (Rire) mwumve umuziki, mukomeje kumva Radiyo yigenga RTLM ivugira i Kigali ayo ni yo makuru nari mbafitiye. (Musique).

... coup d'état yarabaye imaze kuba... Inama ya Guverinoma yarabaye imaze kuba dutegereza kuri radiyo ko bavuga icyo yagezeho turaheba bati "ejo noneho twumva Madame UWILINGIYIMANA Agata ni we ubaye... ni we udutangarije ibyabaye mu nama". Bati "ese mama noneho byagenze gute? Bati "RUCOGOZA yari arwaye cyangwa byamugendekeye gute"? Nuko abantu rero bikayoberana ariko birumvikana yuko haba harimwo... hari ibintu by'ingorane nk'ibyo abandi na bo ni abakomeje kwivugira ku... ku bya Ministre GASANA bati "ariko se"

bati... bati "Ministre GASANA yaravuze ngo... imodoka za Minisiteri" bati "ni uburyo we aba afite ashobora kwiyambaza" bati "ngaho rero buretse

16.4

Ministre w'ingabo aziyambaze... azafate blindé ee... afate kajugujugu nuko ajyane mu bukwe noneho nibamubaza ngo avuge ngo ni byo yari yiyambaje e... cyangwa se yabyikorera abijyana muri meeting nuko ngo avuge ngo ni byo yiyambaje ni byo yari afite ni uko". Ariko rero na none he, babjye babavuga abantu baba babihaye na none Ministre GASANA abantu ba... baravuze bati "Kantano ee... hari ibyo bintu byo ku... byo gusesagura umutungo wamuvuzeho" bati "ariko kandi" bati "twebwe abajyana na we muri mission" bati "hari indi défaut twamubonyeho" bati "aragenda agafata mafaranga" ayo bita frais de représentation aba ari amafaranga y'akayabo, ibyo ari byo byose hari abashinzwe kuyatanga bo muri protocole ati "ariko agahita ayabambura akayashyira mu mufuka akaba ari we uyitangira asagutse ubwo nta kundi nyine akaba asagutse bikaba birarangiye". Ati "ibyo yabikoze muri île Maurice" ati "kandi n'i New York yarabikoze". (Rire) Ndakeka rero ko ako na ko ni akageso, ni akageso e... ko gukunda agafaranga na ko rero yari akwiye kukareka naba ashaka gukomeza imirimo ya politike.

Na none ku byerekeye andi makuru atugezeho ee ni uko Radiyo Muhabura mu kanya yatangaje yuko ifite itangazo ry'amashyaka MDR, PL...e... ifite itangazo ry'amashyaka PL nako MDR, PSD, PDC na PL. Iryo tangazo baridusomeye ejo saa kumi n'imwe hafi n'igice muri conférence de presse e... muri conférence de presse yayobowe na Fawusitini TWAGIRAMUNGU. Iryo tangazo rero ukuntu baridusomeye nimugoroba hanyuma rikaba ryageze kuri Radiyo Muhabura mu gitondo ee... ntabwo... ntabwo byumvikana... ntabwo byumvikana twebwe turakeka y'uko mbere ahubwo yuko amashyaka arisoma ee... yari yaritiyeguranye n'Inkotanyi KARENZI, bamaze no kutubwira yuko mbere y'uko Madamu UWILINGIYIMANA Agata az... atangaza biriya bintu Inkotanyi KARENZI yagiye kumus... ee... kumureba muri Pajero bambwiye numero ni uko agapapuro nzanditseho nzi... nkibagiwe e... ubwo rero kubona... kubona umu... umu Ministre w'Intebe... Ministre w'Intebe asurwa n'iyo Nkotanyi ikora ibya ONU, iby'Inkotanyi, iby'iki byose ee... hanyuma agatangaza ibintu bibogamiye ku Nkotanyi ntabwo na byo bisobanutse, ntabwo na

byo bisobanutse ariko rero icyagaragaye kizwi neza ni uko urebye iyi Guverinoma iriho ubu yatinze mu cyuho urebye nta ngufu ifite kubera ko abayirimo bacungacunga kuzakorana n'Inkotanyi niba ziramutse ziko... zije muri iyo Guverinoma kubera ko bacungamo imyanya iteka ntabwo bashobora kuvuga ikintu biteranya n'Inkotanyi. Ni yo mpamvu wumva abantu bagapfa bagashira e... ariko ntibabe bavuga ngo Inkotanyi, mbese iryo jambo baritinya kubi

19.9
ngo zitabumva zikabatonganya, zikabatuka. Ni cyo gituma mu ijambo Madamu UWILINGIYIMANA Agata yaraye avuze abantu iteka bagiye bamubwira bati "ese ko uvuga ngo abasirikare bavuze ko batazajya... batazasubira mu mishyikirano kuko abantu bapfuye, ko FPR yakamejeje abantu cumi na batatu babuze ndetse bakagutegeka kwirukanka kujya kubashaka muri Ndusu mpaka ubashiriye na za radiyo na za télévisions zibareba n'iki" bati "kuki bo bari ba... bahagaritse imishyikirano nk'aho mwama... mwabamaganye ahubwo mugashya ubwoba mukirukanka hirya no hino mugashaka abo basore mwashyiriye Inkotanyi yenda niba bo batabyemera n'iki byose nkanswe uwavuga ati noneho twe ubwo abantu babishe kandi nta gushibikanya ari FPR noneho twe duhagaritse imishyikirano".

Ndakeka rero ko niba abantu basinye amasezerano ni impande zombi ziyasinye zigomba kuyubahiriza ntabwo rero wavuga ngo... Segiteri Gatengerane mu ntangiriro za mirongo icyenda na rimwe bicishije abaturage ibyuma, muri Komine Cyumba i Gishambashayo muri Segiteri Rubaya ee... Inkotanyi zishe abantu babaziza ngo banze kubereka aho ingabo z'u Rwanda ziri. Barangije bamwe baraba e... baba... ye bamaze kubatere... kubatera ibyuma babafungirana mu mazu noneho abaturage bakajya bagira ngo abandi barahunze ariko e... hashize iminsi bumva umunuko bakajya babona mu... bumva umunuko mu nzu ahari.... ahari hatuye Naka bamenya ko abo bantu bapfiriye mu mazu. Ntabwo rero ubugome zakoze mu Ruhengeri ari... ari ubwa... ari ubwa vuba aha ni ubusanzwe, ni ubusanzwe ubwo bugome bwatangiye inyeshyamba rero zirabukoresha nyine ubwo bugome ee... ntabwo rero ibyabaye mu Ruhengeri ngo ari... ibya vuba, cyakoze ibyo ari byo byose ubugome nk'ubwo bugomba kwamaganwa uko byagenda kose icyo waba urwanira cyose waba urwanira ubutegetsi, waba urwanira iki ibyo bintu bigomba

kwamaganwa cyane.

K0164422

Maze... kuyavuga si ko kuyamara, twayavuze bihagije uyu munsi ibyago bibaho, umuryango wa NTAHONDI Musa utuye muri Segiteri Rugenge ubabajwe no kumeyesha inshuti n'abavandimwe ko uwo NTAHONDI Musa yitabye Imana muri iri joro ryakeye, (arimyoje) bimenyeshejwe cyane umuhunguwe NGEZAHAYO Désiré uri i Rwamagana, ababyeyi ba MUKANSANGA Elina batuye i Nyabisindu, Segiteri Gahondo (inaudible) Philibert utuye i Masaka, Hategekimana (coupure) (long passage vide)

( FIN DE LA FACE A ).

Orateur : Kantano.

... umuntu arabikeka, umuntu arabikeka. Ejo... ejo ku wa kane nimugoroba cyangwa se ku manywa dufite amatsiko, dufite amatsiko ubu amatsiko yatwishe cyane yo kuzumva icyo Umuryango... Umuryango wa ONU, ingabo za ONU MINUAR ziyobowe na Général DALLAIRE hano mu Rwanda icyo zizatangaza kuri enquêtes zakoze mu Ruhengeri ku marorerwa yahabereye. Aho abantu bageze ku... barenga mirongo ine bishwe urw'agashinyaguro bashi... bakinjwe nk'i... nk'ihene cyangwa inkoko.

Ariko rero uko bi... abantu uko batangiye kubivuga hirya no hino Inkotanyi zatangiye kugira ubwoba, zatangiye kugira ubwoba kuko ibimenyetso byinshi birazihama, birazihamya icyaha. Mu ishyaka MRND ho ntibashidikanya ko ari Inkotanyi zabikoze kandi koko unarebye umuntu wese udashaka guhimana arumva nta bandi bakora ibyo kuko nta muntu wakwicira abantu muri komine enye icyarimwe ngo yohereze abo bantu, abo bantu ugomba kuba ubafite he! Abo bantu ugomba kuba ubafite. ababafite ni ba nde ? Ni ingabo z'u Rwanda, ni Inkotanyi. Ariko rero twibutse yuko ako karere ari akarere katarangwamo... katagomba kurangwamo abasirikare. Byaragaragaye yuko ku ruhande rw'u Rwanda mu by'ukuri nta basirikare b'u Rwanda bagiye bajya muri ako gace, ariko Inkotanyi iteka zabaga zihari kandi ziri kumwe n'abaturage baganira zibacengezamo amatwara zikoresha amanama. Nta bantu rero bagira abantu benshi bajya kwica abantu benshi icyarimwe atari... atari Inkotanyi zari zi... zahoraga zigenzura abo bantu kandi iteka ibyo bintu byashyikirizwaga Guverinoma.

Igituma rero na none Umuryango w'abibumbye uzabona neza ko ari Inkotanyi iyo umuntu akora anketi abaza abaturage, iyo umuntu akora anketi abaza abaturage ariko muri anketi uko niyumviraga n'uruhinja babajije abasirikare bo muri MINUAR rwababwiye yuko nta bandi ari Inkotanyi. Uru... n'umwana w'uruhinja n'iki byose. None se ubwo bazandika muri anketi ibindi biki batabonye muri... batabwiwe n'abo... n'abaturage? Ndetse kubera abaturage kuvugisha ukuri bavuga izo Nkotanyi ko ari zo kubera kuzishinja nyuma y'aho zaragarutse zikora amarorerwa zireba umuntu wese wavuganye n'umusirikare wa ONU zikamumerera nabi abo zishoboye zirabica abandi barahunga. Kugeza na n'ubu ni byo zigikora. Maze rero ubu kuba Inkotanyi

zizafatwa n'icyaha cyo kwica abantu urw'agashinyaguro abantu barenga mirongo ine byo nta wukibishidikanya, nta wukibishidikanya ahubwo turibaza ibihano bazahabwa, ibihano bazahabwa. Ibyo ari byo byose yenda bo baravuga bati turi ku Mulindi nta wagerayo ngo adufate ariko abantu batangiye gusaba yuko icyaha nikiramuka kibahamye kandi kirabahama nta

3.8

kundi si ibyo ku... ibyo gusubika imishyikirano n'iki gusa ahubwo KANYARENGWE na... na KAGAME bagomba kubanza bagafatwa, bagafatwa noneho bagashyikirizwa ubucamanza nyuma ibindi byose by'amasezerano bigakomeza. Nguko... ngicyo icyo abantu bifuza.

Ku byerekeye rero ibyo by'Inkotanyi hinga mbasomere amarorerwa na n'ubu agikorwa... na n'ubu agikorwa mu by'ukuri wagira ngo Inkotanyi ntizumva, nta matwi zigira kuzamagana... kwamaganwa kw'Inkotanyi niba ari uko inyeshyamba zikora simbizi ariko kuzamagana byo nta cyo bizibwiye. Dore rero... ubutumwa ejo barabibabwiye aya makuru ibyo ari byo byose ariko hinga nyabasobanu... nongere nyabasomere kuko ni ukuri, ni ukuri hariho ama signatures hariho iki, aya makuru ni yo. Ubu rero aya makuru aravuga ati " nyuma y'amarorerwa Inkotanyi zakoze mu makomine Nkumba, Kidaho, Cyeru, Nyamugali mu ijoro ryo kwa cumi na karindwi rishya... rishyira ku wa cumi n'umunani Ugushyingo mirongo cyenda na gatatu zikomeze kwi... zikomeje kwica abaturage maze imirambo yabo zikayihisha. Abantu bakabona urwamba rw'amaraso gusa ariko imirambo ikabura.

Ibyo zirabikora kugira ngo abanyamakuru batabibona maze ikagaragazwa kuri télévision. Dore nk'ejobundi ku wa makumyabiri na rimwe zishyi... mu ijoro rishyira ryo ku wa makumyabiri na rimwe rishyira uwa makumyabiri na kabiri zishe uwitwa SEBIHARAHARO mwene SENZOGA utuye muri Selire Ruhimbi, Segiteri Butete zimaze kumwaka amafaranga yari yakosheje umukobwa we. Kwica no kwiba dore zirabifatanyije. Zagiye mu rugo rw'uwitwa MPIRANYA mwene Nyakwigendera KANYAMIBWA Karoli zishaka kumwica zi... zisanga nta wuriyo maze kubera ubugome bwazo zijugunya grenade mu nzu. Izindi grenades zajugunywe aho urusho rwa Nyakwigendera NZABONIMPA Léonard alias Gasopu yari yararushyigikiye nyuma y'uko

zirushyigura zikarutwara, mwumve namwe! Hari imirambo itandatu y'abantu bari baraye kwa Eduard ucururiza mu... mu Butete kugeza ubu itaraboneka, nimwumve. Harimo uwitwa NTAGANDA wakoranaga na Nyakwigendera Nzabo... NZABANDORA alias Ndamiye na we uherutse guhitanwa n'izo Nkotanyi.

Abaturage bakomeje guhunga ari benshi bava muri Kidaho na Nkumba icyo gihe jyewe ubwanjye na... ubwo najyaga mu Ruhengeri narabiboneye bari mu modoka z'Abapadiri duhura ndetse n'Abapadiri na bo baratubwira bati "turihungiye twigiriye i na... i Nyakinama". Bavuga ko babona aho abantu biciwe ariko imirambo yabo ikabura. Hari n'abaturage benshi bakomoka muri ayo makomine babuze aho bajya bahungira muri ISKPA, ISKPA ni Institut... n'ishuli riri kuri... riri i Nkumba ubu hari... hari Umutwe wa MINUAR. Umutwe wa MINUAR uri hafi aho byose urabyibonera, ibyo abaturage

6.7

bavuga bati "tuje duhunze iki" ibyo ari byo byose ntibaza bavuga ngo baje bahunze Interahamwe baza bavuga ngo "bahunze Abajideri" baza bavuga bati "duhunze Inkotanyi". Ubwo rero MINUAR yahengamo yagira ite ibyo ari byo byose uyu munsi ejo... ejo ni ikizami cya MINUAR tuzareba koko niba ihengamye cyangwa se koko niba yaraje kugira ngo ihagararire amahoro muri iki gihugu. Dore iri hafi yaho ibintu bibera aho amarorerwa abera.

Hashize iminsi Inkotanyi y'umuserija yitwa Albert ibwiye abaturage basangiraga inzoga mu kabare kabare kari kuri s... kuri centre ya Butete ko ahantu zameneye amaraso zidashobora kuhava. Umenya ari uguterekera. Ariko se koko nka bariya baturage bagiye guhamba imirambo cumi n'i... n'umwe nasaze kwa KANYAMIBWA kandi bose bazi neza ko ari iy'Inkotanyi koko bazatinyuka bajye mu ishyaka FP... ryitwa FPR? Bazatinyuka rero FPR mumenye ko atari ishyaka ngo ni umuryango, muzi... bazatinyuka koko? Ni ko gushaka abayoboke buriya ? Ha!

Izo Nkotanyi kandi zikomeje gukoresha amanama muri Komine Kidaho ho muri Segiteri Gitaraga zayikoresheje ku wa gatandatu tariki ya makumyabiri Ugushyingo no muri Segiteri Rugarama ziyikoresha ku cyumweru tariki ya makumyabiri n'imwe. Muri izo nama Inkotanyi zirashaka

kumvisha abaturage ko ari MRND ikora amarorerwa aho abera, hum, (arimyoje) yewe na yo yaragowe! Muri iki gihe iyo umuntu aganiriye n'abaturage bakomoka muri ariya makomine asanga barihebye bavuga ko bameze nk'impehe zitagira kirengera. Inkotanyi zitangiye kujya zandika kuri buri nzu y'umukozi uhakomoka akazi akora, hari nk'aho bandika ngo geshi, geshi ni ukuvuga umusirikare, andi magambo akaba yanditswe mu cyongereza zigamije kugira ngo zizashobore kumenya neza aho abo zishaka kwica batuye. Ikibabaje kandi ni uko hari bamwe mu baturage basa n'abishimira ko bagenzi babo bicwa urw'agashinyaguro, nimwumve namwe!

Ubu kandi Inkotanyi zatangiye ibikorwa by'ubusahuzi nko muri Serire Nkiriza na Kidaho za Segiteri Kidaho, Komine Kidaho hamaze gusahurwa amazu agera ku icumi y'abaturage. Ubwo rero abaturage bahunga bongeye gukubitana n'ikibazo cy'inzara kandi bari bagiye kweza. Ni byo koko nasanze ibishyimbo by'imishingiriro bitangiye ku... bitangiye kuzana uduteja ubwo rero bari bagiye kurya none reba nawe! Amahanga rero akwiye kongera kugoboka mu maguru mashya. Ngibyo uko ibintu bimeze ubu ngubu mu Ruhengeri. Hari abumva babivuga ngo "ni ugushyushya imitwe" ngo ni iki... hinga mbabwire rero RTLM bazajya babahisha ukuri ikuvuge nishaka izakuzire nta kindi twiyemeje. Mukomeje kumva radio...

9.8

... yagize atya agafata imodoka za Leta zikagenda zagera Nyacyonga zigahura n'impanuka ubwo abantu baga... bakaba bakomeje kwibaza bati "ibyo ari byo byose tuzashyira umutima hamwe ari uko GASANA... Ministre GASANA azisanishije" bati "nta kuntu umuntu..." abantu batangiye bamagana ibintu byo... byo kuvuga ngo "nta modoka za Leta muri meeting" kandi koko umutungo wa Leta ntugomba kuvangwa n'uw'amashyaka. Ariko abandi bakabyitwaza bati tujyane ibimodoka byinshi bya Leta iwacu babone ko dukomeye, babone ko turi abagabo, babone ko twakize, oh! None ni bo bigarutse. Ministre rero GASANA ubu ngubu ari mu ngorane kuko e... Gestionnaire we ucunga amafaranga ya Leta yanze gusanisha izo modoka, GASANA ati "rero nkakwirukana" undi ati "ntibishoboka", ubu ni vurugu vurugu.

Hanyuma ariko GASANA na none... hari ibindi twamubonyeho ubwo mu kanya na byo turaza... turaza kubivuga, mu kanya turaza kubivuga kimwe nI uko dukomeza... uyu munsi turakomeza na none kwamagana Inkotanyi kuko zikomeje kwica amatwi ntizumve ukagira ngo... nta... sinzi ururimi umuntu yabivugamo cyakora bazi icyongereza, bazi iki, ariko ibyo tuvuga nta kintu babyitayeho. Mwumve rero aka kaziki ubundi turuhuke nkomeze mbashakire amakuru ashyushye. (Musique).

... mu minota itanu biraba baye saa tatu nababwiye yuko tuza kugaruka e... ku bya Ministre w'Intebe Madamu UWILINGIYIMANA Agata ku ijambo yavuze mbese... ku ijambo yavuze yamagana itangazo ry'ingabo e... ariko abantu bambwiye bati (rire) bati "ahubwo" bati "umenya" bati "yagize ubwoba" bati "uko twabikekaga ntabwo ari ko yabikoze" bati "ubundi twari tuzi ko yihanukira... kwa kundi abisanganywe" ati "ingabo" ati "ntabwo nuko..." e... bati "ariko twumva arazishimye" bati "twumva" e... hein! Nuko e... aho nyine aho ba... umuntu yamuha... yamuha utunota tubiri gusa kuko... uko abantu babikekaga ko ari bwamagane ingabo si ko yabikoze kuko birumvikana ingabo zabonye (aseka)... zisanzwe zizi uko Guverinoma ikora, ukuntu ikoreshwa ne... no ku Mulindi, ikoreshwa na Kinihira noneho bo bafata iya mbere bati "twebwe ni twe tu... ubundi dusanzwe tujya muri... iyo mishyikirano turabihagaritse". Hanyuma rero abantu bari biteguye yuko rwose avuga ati ingabo zigomba ku... ingabo ni agatsiko wa mugani wa... w'Inkotanyi noneho bakagira ngo atera muri... yatera mu ry'Inkotanyi cyakora si ko yabigenje ndakeka ko yaricyengeye.

Mu gihe rero iryo jambo tutararigarukaho hinga... ejo nari mu nama, conférence de presse TWAGIRAMUNGU Fawusitini yayoboye n'amashyaka MDR, PSD, PDC, PL PL... PL ya... abantu barambajije bati "ese mama ni PL ya MUGENZI cyangwa ni PL ya... ya Lando. E... ibyo ari byo byose MUGENZI ntabwo yasinye

13.0

ku itangazo ariko hari uwamusinyiye P.o witwa MUGIRANEZA Visenti. MUGIRANEZA rero Visenti ngo ni Président w'Akanama k'ibya politike e... uri ku ruhande rwa MUGENZI ariko

abantu bagashidikanya ni we rero wari wicaye iruhande rwa Ministre GASANA e... na na... maître NGANGO na GAFARANGA ndetse na NZAMURAMBAHO mu... ku ruhande rwa PSD, ku ruhande nyine rwa PDC birumvikana NAYINZIRA ni we wari uhari NAYINZIRA murabizi yuko ashaka umwanya muri Guverinoma y'Inzibacyu...cyuho Yaguriwemo Inkotanyi birumvikana atagendeye kuri ruk... kuri TWAGIRAMUNGU Fawusitini atamwiyegereje (rire) yamumerera nabi e... birumvikana ko atabura mu nama yakoresheje.

Mwumve rero ndagira ngo mbumvishe muri conférence de presse mwumve icyo TWAGIRAMUNGU Fawusitini yita "crime contre l'humanité", mwumve n'ukuntu ngo atekereza kuzategeka muri iriya nzo... muri... iriya Guverinoma ye, mwumve ukuntu azayiyobora ngo afashe ku munwa abanyamakuru, abandi abafunga ee..., abandi abaca amafaranga agira ate ariko ndakeka yuko ni ukwibeshya twaba dusubira inyuma, twaba dusubira inyuma ibyabanje se ko nta wigeze abishobora we ngo azabishoboza iki ? Mwumve ibyo yita "crime contre l'humanité" mwumve ibyo... ibimushimisha Twagiramu... nyuma ndaza kugira icyo mbivugaho nyuma.

Orateur : TWAGIRAMUNGU Faustin.
... ibyo bita na none "crime contre l'humanité" njye nashimishije rwose n'ibyo Maître NGANGO yavuze twizere ko rero ibyo Maître NGANGO yavuze ari byo (acclamation). Ko ibintu bya crime contre l'humanité bidasaza.

Orateur : Non identifié.
Ntibisaza rwose, ntabwo bisaza.

Orateur : TWAGIRAMUNGU Faustin.
Niba bidasaza nzaba mbwira abo bantu ko n'uwo tuzabyara azabikurikirana nibaba bakiriho ntabwo twakomeza kwemera ko igihugu abantu baza bakagitobatoba ngo turi muri demokarasi gusa bikorera ibyo bishakiye. Baba abayamakuru, baba aba ministres, baba n'abandi bose. Jyewe nkaba nkomeza kuvuga ko aya masezerano simbababwiye ngo muyagire Bibiliya, ariko nimwiheshe icyubahiro mu mahanga mumenye ko Président wa Repubulika yavuze ko ngo " ngo uku kuboko

nsinyishije ngo ni ukuboko kw'Abanyarwanda". K0164429

Orateur : Non identifié.

Biterwa n'Itegekonshinga! Niba ari ukuboko kw'Abanyarwanda rero ntabwo ari ukuboko k'umuntu umwe cyangwa se ngo kuzabe ukuboko kw'agatsiko ni ukuboko kw'Abanyarwanda kose kandi ndagira ngo nibutse ko aya masezerano ni Itegekonshinga.

Ikindi rero umuntu yakongeraho ni ibyerekeranye... n'ikibazo cyabajijwe n'umunyamakuru agira ati " icyizere mwebwe mwatanga ni ikihe ko intambara itazongera kubura"?

15.6

Mu by'ukuri ushize mu gaciro ukareba ibivugwa n'ibikorwa wagira ngo hari abantu bahagurukiye kugira ngo intambara yongere. U Rwanda rwose barabyiyemeje barazanye indirimbo zimwe zo ku ntambara ni zo zihora mu maradiyo, bazanye ibintu by'ibitutsi ni byo bihora aho ngaho, ibi ngibi maze kubasomera iyi article ya gatatu muri iyi ngingo ya karindwi yonyine irabyivugira. Iyo bavuga bati " toutes opérations civiles nuisibles de propagandes dénigrantes et mensogères par les médias". Nuko bati "Inyenzi zaraje sha zisubireyo". Ibyo bintu c'est contraire à l'accord. Sinzi abo mubwira rero. Ibyo bintu byo kwirirwa bavuga ko ngo "Abahutu bagomba guhaguruka" c'est contraire à l'accord également. (Arakoroye) Abashaka intambara rero nibaze ku mugaragaro babyandike babisinyire ko bayishaka ariko bareke kuza kubeshyabeshya. Noneho bambare bajye ku rugamba. (Barasetse abamuteze amatwi) Iyo ntambara ye gukomeza kuziringa... uku... ururimi mu kanwa gusa ntabwo ihagije, ni ukwambara abantu bakajya ku rugamba, bitaba ari ibyo nibabireke.

Noneho icyizere twewe dutanga ni ikihe? Icyizere dutanga ni uko tudakurikije amagambo avugwa n'abo bantu, ni uko dukurikije amasezerano yashyizweho umukono ingingo ya mirongo irindwi na kabiri iri mu masezerano ahuza ingabo za FPR n'ingabo z'u Rwanda turasanga muri iyo ngingo mu by'ukuri icyasabwaga kigenda ki... gisa n'igitungana. Iyo ngingo ivuga ko nta Guverinoma ishobora kushyirwaho i Kigali ngo ikorere i Kigali nta mutekano uhari, bigasaba rero noneho ko ibyo bita ingabo z'Umuryango w'abibumbye zidafite aho zibogamira zibanza... zibanza zikahagera

iyo Guverinoma igashyirwaho. Bityo ya ngingo ya karindwi yasabaga ko "ku munsi wa mirongo itatu na karindwi amasezerano amaze gushyirwaho umukono yakubahirizwa".

Nkaba rero nibwira ko nk'uko mwakomeje kubyumva ku maradiyo ingabo uko twabyifuzaga zikomeje kuza, hamaze kugera hafi abasirikare bagera kuri magana atatu ngira ngo, bityo rero tukaba twatanze icyizere...

Orateur : Kantano.

... mukomeje kumva Radiyo yigenga ivugira i Kigali ubu ni saa tatu n'iminota ine muri sitiduyo zacu uwo mwumvaga ni TWAGIRAMUNGU Fawusitini ejo muri conférence de presse yakoreye mu... muri Méridien akikijwe n'abantu bo mu ishyaka MDR, PDC nako we... we ni we wari uhagarariye MDR hanyuma akikijwe n'abahagarariye PSD, PDC ee... na PL, uwari mu mwanya wa MUGENZI ni MUGIRANEZA Visenti. Hanyuma rero muri make TWAGIRAMUNGU aravuga ati "nta bwo jyewe abantu ubwo

19.1

twasinya amasezerano nkaba nanditse mu masezerano njye nzabategekesha amasezerano nta wuzakopfora, nta wuzavuga, reka da! Naho ku byerekeye ngo "indirimbo z'ingabo" ngo "zaragarutse" ngo "iki", none se sinzi TWAGIRAMUNGU ago... agomba kuba atinya amateka. Amateka aba ari amateka, kuyirengagiza no kuyibagirwa nta bwo ari byo! None se ubu Inkotanyi zizaza hanyuma tu... twibagirwe ko... kano kanya duhite twibagirwa yuko ngo kubera amasezerano ya Arusha twibagirwe impunzi miliyoni za Nyacyonga, twibagirwe imyaka itatu y'intambara, twibagirwe ibintu byose byabaye ? Ubu se ingabo ngo ni uko zizaba zihujwe zo zizibagirwa ko zarwanye n'izo Nkotanyi ? Zizibagirwa se za Mimuli, za Nyakayaga, za hehe ngo ni uko... maze rero yenda TWAGIRAMUNGU Radiyo Rwanda ashobora kuyibuza ko ibwira Abanyarwanda amateka ariko (rire) rero ntiyabuza Radiyo yigenga ko ibwira Abanyarwanda amateka, kuko i... nta... nta kuntu uta... utabwira abantu amateka. Nyuma rero TWAGIRAMUNGU we ashobora no guhisha amateka ye ariko rero... ibyo biramureba ariko nta wahisha amateka y'igihugu. TWAGIRAMUNGU ashobora kubwi... ashobora guhisha ko ya...

yakoze... yategetse STIR imyaka icyenda ahembwa ibihumbi magana atatu ku kwezi ibyo biramureba, ashobora... guhisha ko ari we TWAGIRAMUNGU Rukokoma wirirwaga atuka Président wa Repubulika ma... amanywa n'ijoro. TWAGIRAMUNGU ashobora kuvuga yuko ari we... ee... atari we wavuze ngo bakande Interahamwe bazihombanye nyuma ejo bundi aba JDR bajya kumuhombanya na we akagira ubwoba ati nta mwana ukubita umubyeyi". E... ese ko avuga ngo "crime contre l'humanité" ari ukubwira urubyiruko ngo rurwane, ngo "ruha... ruhombanane, rukandane, rupompane rugire gute" i... hari ikirenze "crime contre l'humanité" gutyo ? Ni uko nyine... ni byo koko amateka ntiyibagirwa, amateka ntiyibagirwa hari izi... hari igihe ibyo na we azabibazwa, ariko rero na none TWAGIRAMUNGU ntashobora kutubuza na rimwe gushimira ingabo z'u Rwanda zatumye Inkotanyi zitatunyukanyuka ngo ziduhombanye e... ntabwo twabura gushimira ingabo z'u Rwanda zatumye Inkotanyi zemera amasezerano kuko ubundi zayemeye... zayemeye ari uko zibonye ntako za... zarakoresheje amayeli yose aya zone tampon ari... ari ay'iki Inkotanyi zibonye biziyobeye zemera amasezerano ariko ubundi icyo zashakaga ni ukudufata mpiri umugani wa NAYINZIRA ubundi zikadukoresha icyo dushatse... icyo zishatse nako, birumvikana rero ingabo... ingabo z'u Rwanda zaturwanyeho zarwanye ku Banyarwanda, zarwanye ku busugire bw'igihugu bituma Inkotanyi zemera aya masezerano TWAGIRAMUNGU agira ngo azadukandishe. Niyo mpamvu rero mu by'ukuri

22.0

ashobora kubuza Radiyo Rwanda ku... kuniga amateka y'igihugu, ashobora kubwira Radiyo Rwanda ni yo... ni yo ategeka, ashobora kubwira Radiyo Rwanda kuniga amateka y'igihugu, ashobora kubwira... ra... kubuza na Radiyo Rwanda gushimira ingabo ibyo ni bye ariko kuri RTLM tuzi akamaro k'ingabo, tuzi icyo zamariye u Rwanda, tuzi ubu... icyo zamariye ubusugire bw'u Rwanda, tuzi ko n'aya masezerano kugira ngo Inkotanyi ziyemere ni uko Inzirabwoba zahagaze zituma zemera amasezerano. Ntabwo rero Twagiramungu yabuza... yabuza... Radiyo yigenga nk'iyi ngiyi, Radiyo y'Abanyarwanda benshi ntabwo yayibuza gushimira ingabo, ntabwo byamukundira ntibyashoboka kuvuga rero ngo "dushyiramo indirimbo z'ingabo" ngo "tugira gute" ni amateka yabaye nta muntu wayasibanganya. Ngabo z'u Rwanda murakaramba.(musique).

... vuga yuko i Burundi barimo bategura indi coup d'état hanyuma ndacyayanononsora mu kanya ndayabagezaho ariko hagati aho dukomeze ku byerekeye conférence de presse y'ejo nimugoroba y'amashyaka MDR, PSD na... na PL e... bavuga icyo batekereza ku... ku itangazo ry'ingabo. Muri iyo conférence de presse rero harimo ministre... harimo Ministre GASANA. Ministre GASANA umva ariko hari abantu bazajya bakeka yuko ngo RTLM e... ari Radiyo ibogamye kubera ko ngo "ivuga cyane aba ministres bo muri opposition". Ntabwo ari byo. Gusa turashaka yuko iki gihugu kigomba kuyoborwa n'abantu bavugisha ukuri yego b'Abanyapolitike muri politike habamo no kubeshya rimwe na rimwe ariko wanabeshya ukamenya ko abantu barimo bakumva kandi ko ibyo uvuga babisesengura. Hari ukuntu rero Ministre GASANA avuga ibintu akavuga yihanukiriye agakeka yuko ari... hari uko abantu bamwumvise cyangwa ari uko bamwemera. Ni ukwibeshya rero ntabwo ari byo. Ushobora kwihanukira uvuga ibintu ariko e... abantu bazi yuko hari abantu... icya mbere cyo haba hari abantu bazi yuko urimo ubeshya e... kugira ngo rero ubwire abandi bantu bari kure ubabeshya cyangwa se ushaka kubemeza ibyo batemera ntabwo ari byo!

Muri iyo conférence rero de presse Ministre GASANA umunyamakuru yamubajije ikibazo muraza kumva icyo yamubajije, muze kumva n'ibyo yashubije hanyuma noneho nyuma yaho hari icyo muvugaho ariko hinga... cyangwa se hinga e... nyuma yaho hari icyo nza kubivugaho ngaho Ministre GASANA nabanze asubize uriya munyamakuru wo mu kinyamakuru "Interahamwe" bita HAHOZAYEZU Tasiyani. Reka noneho twumve.

24.8

Orateur : Ministre GASANA Anastase.

... umunyamakuru wo mu... kinyamakuru "Interahamwe" aragira ati "amashyaka ko biriya bintu byabaye ku itariki ya cumi n'umunani none akaba ari ku itariki ya makumyabiri na gatatu mubabajwe n'abapfuye cyangwa se mubabajwe n'itangazo rya... Ministre w'ingabo z'igihugu"? Koko ibintu byabaye ku itariki ya cumi na karindwi nijoro ishyira itariki ya cumi n'umunani, ni ukuvuga ko bifashe amashyaka iminsi ine kugira ngo agire icyo atangariza Abanyarwanda. Izo mpa... impamvu ni izi zikurikira :

- icya mbere: Ni uko amashyaka yanze gushyushya imitwe... nyine nk'uko mwavu... hari uwavuze ngo amashyaka ashyushya imitwe, aba... abategeka amashyaka banze gushyushya imitwe y'abantu kuko abanyamashyaka n'amashyaka bahagarariye abaturage benshi ni cyo gituma bagomba gukora uko bashoboye bakitondera ibyo batangaza, bakitondera ibyo bavuga. Ni yo mpamvu rero ubwo bwitonzi bushaka gucukumbura no gukurikirana bihagije mbere yo gutangaza ibintu bishobora kuba byatwika igihugu cyose kubera abarwanashyaka, abayoboke, abarwanashyaka abo bakuru b'amashyaka baserukira muri ayo mashyaka bayobora. Aho rero hagombye kwirinda gushyushya imitwe nyine.

- icya kabiri: Amashyaka nta buryo buhagije, nta mikoro ahagije ayo ma... amashyaka afite yo kujya ako kanya kwirebera ibyabaye ahantu. Amikoro nta yo, nta modoka, nta bikoresho habuze ibintu byo kugira ngo amashyaka abe yakwigira ahantu yirebere ibyakozwe, aho na ho ni ingorane.

- icya gatatu: Akarere karangwamo amase... karangwamo... karanzwemo biriya... buriya bugizibwanabi kagengwa n'amasezerano ya Kinihira. Amasezerano avuga yuko ako karere katarangwamo ibikorwa bya gisirikare. Nta musirikare wo muri Guverinoma y'u Rwanda cyangwa se wo muri FPR ugomba kurangwa muri ako karere uretse abasirikare ba Loni. Amashyaka rero yagombaga gutegereza yuko umuntu u... ureba iby'aho hantu ari we Loni-MINUAR igira icyo itangaza, kuko ni bo bafite uburenganzira bwo kuba bari aho hantu noneho ya mashyaka mu rwego rwa politiki kubera guhagararira abantu benshi no kwirinda gushyushya imitwe agategeraza icyo abasirikare ba Loni bavuga noneho agaheraho kugira ngo agire na cyo... na yo icyo yatangariza abayoboke bayobotse ayo mashyaka yose.

27.6

- icya kane: Amashyaka yari ategereje ankete yo mu Rwego rw'ubutegetsi yo ishobora kuza vuba, muri ako karere hari ubutegetsi bwa Superefegitura, hari ubutegetsi bwa Burugumesitiri, hari abajyanama, hari ba IPJ ba Superefegitura, hari abantu... abategetsi bari muri ako karere kara... katarangwamo ibikorwa bya gisirikare, aho na ho amashyaka ati "ubutegetsi bwa... bwo muri ako karere bwa Superefegitura ni... nibujye... (inaudible) vuba nibura ibintu byatuma amashyaka agira icyo ashingiraho kugira ngo atangaze... atangarize Abanyarwanda icyo atekereza ku bintu

byakorewe muri kariya karere.

- icya kane: Amashyaka MDR, PSD, PDC na PL mu by'ukuri hari n'aha... n'uburyo yaheze mu gihirahiro cyo kutamenya neza uko ibintu byifashe bitewe e... n'imyitwarire idahwitse y'ishyaka MRND mu mikorere yaryo muri kariya karere. Uti impamvu? Impamvu ya mbere: muzi ko MRND yanze yuko kariya karere kagengwa n'Abaperefe ba Byumba na Ruhengeri kubera gutsimbarara kuri BIZIMANA wari Perefe wa... wa Byumba na BARIYANGA wari Perefe wa Ruhengeri andi mashyaka akababwira ati "reka dushyireho abaperefe bashya noneho bagenga akarere kose" MRND kubera gutsimbarara ngo kuri abo bantu nk'aho ari kamara banga... ba... baremera ngo abo bantu bazemere be kugera muri ako karere na rimwe ngo Perefe BIZIMANA ye kuzakandagira muri Superefegitura Kinihira, Perefe BARIYANGA ye kuzakandagira muri Superefegiture ya Kirambo ngo ariko bagumeho. Ibyo na byo murumva byahejeje amashyaka mu gihirahiro bigatuma amashyaka adakurikira neza ibikorwa muri kariya karere kubera iryo kosa ryakozwe na MRND ri... ririmo ritugaruka ubu ngubu. Iyo baza kwemera ko hajyaho abaperefe basha ba... bajya muri muri ako karere kose ubu nta... i... ibibazo dufite ubu ngubu ntituba tubifite. Abo baperefe bashoboraga gutsura umubano na FPR-Inkotanyi bagashaka uburyo... uburyo bwo kugendererana e... no muri za missions zose zikorwa iki... zikorwa i Kinihira cyangwa se ku Mulindi na bo bakazigendamo ari Perefe wa Byumba, mission ya Ministre w'Intebe na we akagenda, impamvu Ministre w'Intebe Agathe UWILINGIYIMANA yagiye kubonana n' abategetsi n'abakuru ba FPR i Kinihira ndetse asura n'abavanywe mu byabo n'intambara iyo haza kuba umuperefe i Byumba tuba twarajyanyeyo. No mu Ruhengeri ni uko iyo haza kuba umuperefe mu Ruhengeri tuba twarajyanye iteka tukajyana muri iyo mishyikirano ituma abantu babonana kugira ngo birinde amakimbirane hagati yabo ashobora gukurura ibyago mu baturage.

Ikindi ni uko amashyaka... zanze yuko abantu bivanga

30.4

mu kazi ka Loni. MINUAR ni yo ireba ibya hariya hantu igomba gucukumbura ibintu biri muri ako karere vuba ikabitangaza, hamwe n'ibyakorwa n'ikipe y'abantu bashinzwe ibyerekeranye n'iby'ubutegetsi muri ako karere ba Guverinoma y'u Rwanda noneho izo anketi zombi umuntu

akazireba urumva zose zishobora kuza vuba, ubu Jenerali DALLAIRE yatangaje yuko ku wa kane ashobora gutangariza abanya... Abanyarwanda ibyabaye muri kariya karere ku wa kane.

Icya gatatu na cyo cyatumye abantu bagwa mu gihirahiro ni raporo ya Perefe wo mu Ruhengeri. Perefe wo mu Ruhengeri ubundi aba i Kigali ni ho atuye. Ariko icya... abantu bashyizwe mu gihirahiro n'uko kuri cumi n'umunani mu gitondo yohereje Ministre w'Intebe ...

Orateur : Kantano.

... (rire) mukomeje kumva Radiyo yigenga RTLM ikorera...

( FIN DE LA FACE B ).